# UMUJYI WA KIGALI-AKARERE KA GASABO
# IKIZAMINI CYO KWIMENYEREZA 2013, IKINYARWANDA

**UMWANDIKO: <u>IMANA NA NGERAGEZE</u>**

Kera habayeho umuntu akitwa Ngerageze. Yasanze sekuru akiriho. Mu mabyiruka ye yasanze iwabo badafite amahirwe: barahingaga ntibeze, bahakwa ntibagabane. Nawe ubwe biza kumugendekera bityo. Ariko yafashe igihe abonye atagabanye, yisubirira iwabo, asanga kwa se no kwa sekuru inzara inuma. Aza kwihererana nyina aramubwira ati: "Wowe wabaye aha kera, ntacyo sogokuru na data bapfuye n'Imana?" Nyina aramuhakanira. Noneho ajya kubaza se. Se ati: "Nabaho sindabonana n'Imana."

Ngerageze bimwanga mu nda ajya kubaza sekuru. Asanga aryamye. Yegera urwuririro, aramuhanuza. Ati: " Hari icyo nkubaza. Ntacyo mwampfuye n'Imana?" Sekuru aramusubiza ati: "Umva mwana wanjye naravutse nsanga abantu bavuga Imana y'i Rwanda Rurema ariko, sindayica iryera, haba n'umunsi n'umwe." Ngerageze arumirwa arataha.

Bukeye mu gitondo ajishura umuteho wa se n'umutana w'imyambi ayisohoramo ayishyira my kirimbi, akubita mu bitugu. Arasohoka, ageze hanze ahamagara se ati: " murabeho ndagiye; ariko nzagaruka kera. Ngiye kureba aho Imana iri. "Akiva mu rugo arenze umuharuro, abona Imana yihinduye umugabo, nawe afite ikirimbi mu bitugu n'umuheto.

Ngerageze aramwirukankira, aramushyikira. Aramusuhuza, ati: "Uraho mugabo we?" Undi ati: "Uraho nawe." Ngerageze ati: "ese uragana hehe?" Umugabo ati: "ndeke yewe! Ndajya kwanjwa." Undi ati: "Uranjwa mu biki?" Umugabo ati: "Mbigutekerereje ntaho twajya." Ngerageza ati: "Pfa kumbwira mu magambo make." Undi ati: "Naravutse nsanga data na sogokuru ari abakene, ntako ntagerageje ngo mbukire, ariko buranga buranyokama none ikingenza ni ukujya gushaka Imana ngo nyibaze icyo yaduhoye nyiroheho, ahubwo duhwane." Ngerageze ku mutima ati: "Si urw'umwe!"

Araterura ati: "wa mugabo we nanjye ni cyo cyanzinduye. Uko undeba uku ntafite shinge na rugero, ni nako data na sogokuru bimereye." Bemeza gushakira hamwe Imana, bafatanya urugendo, Uwo mugabo abaza mugenzi we ati: "Witwa nde?" Undi ati: "Nitwa ngerageze" Undi ati: "Wowe se?" Uwo mugabo ati: "Nitwa Manirarora." Baragenda barara nzira, bwije ngerageze abaza Manirarora ati: "Mbese niduhura n'Imana turayibwirwa n'iki?" Undi ati" Hari uwayibonye maze angereranyiriza uko isa."

Igihe umuseke utambise, Manirarora ati "ngiye mu gicucu." Undi ati: "ndakurind." Manirarora ageze hirya yihindura intare, agaruka atontoma. Ngerageze ayikubise amaso ariruka. Intare iramugerekana, iramufata iramugaragura, ariko ntiyamurya. Ibonye yaguye igihumura, ihinduka Manirarora. Afata ngerageze, aramubyutsa. Ati: "Ukanzwe n'iki?" Ngerageze ati: "hora hora! Intare yari inyishe, nkijijwe n'Imana." Manirarora ati: "Irigitiye he?" Undi ati: "Sinamenya." Manirarora ati: "Cyo subira I muhira; ntawarwanye Imana. Ariko nugerayo ishya wifuza urarisanga." Nuko umugabo aramuheba.

Ngerageze inzira ayirira kuyimara. Ageze imuhira asanga umudendezo: amashyo y'inka n'undi mukiro utavugwa, ari kwa se, ari kwa sekuru. Bati: "Ni koko Mana ni wowe ugaba kandi ukwambarije ku ishyiga umusiga ivu!"

## I. KUMVA UMWANDIKA / Amanota 4

**A. Shyira ikimenyetso mu kazu gafite igisubizo cyiza**

1. Ngerageze yasanze iwabo

   a. Batunze ibintu byinsi.
   b. Bafite inka zonyine
   c. Badatunze na busa
   d. Batunze ibintu biranganiye

☐

2. Ngerageze agiye gushaka Imana

   a. Yatwaye inkoni n'umuhoro
   b. Ntacyo yatwaye
   c. Yatwaye icumu n'umuheto
   d. Yatwaye umuheto n'imyambi

☐

3. Manirarora yari:

   a. Yamenye ibyo ngerageze yatekerezaga.
   b. Inshuti ya Ngerageze
   c. Bombi bari abaturanyi
   d. Manirarora ntiyashatse kumenya Ngerageze

☐

4. Ngerageze ahuye n'Imana

   a. Yahise ayimenya
   b. Barinze batandukana atayimenye
   c. Ntiyarabutswe na busa
   d. Nta gisubizo kirimo

☐

**B. Ibibazo ku mwandiko /amanota 6**

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki?

______________________________________________

2. Ni bande bavugwa muri uyu mwandiko?

______________________________________________

3. Vuga andi mazina y'Imana agaragara muri uyu mwandiko.

______________________________________________

4. Ukoresheje interuro yo mu mwandiko, erakana impuhwe z'Imana.

______________________________________________

5. Ni irihe somo Manirarora yahaye ngerageze?

______________________________________________

6. Imana yiyeretse Ngerageze ite?

______________________________________________

## II. INYUNGURAMAGAMBO

**a) Uzuza interuro ukoresheje aya magambo kandi usanisha aho bishoboka /amanota 5**

Kokama, guca iryera, inzara iranuma, kujishura. Kugabana.

1. Umujura yibye bamukurikiye ____________________
2. Sekuru yagiye guhakwa, atinze ____________________ atabarwa na ndabaga.
3. Genda ____________________ icyo gisabo.
4. Simbikangwa ____________________ n'ubukene bwe none iwe ____________________

b) Koresha ijambo "guca" mu nteruro ebyiri zidahuje ibisobanuro. /amanota 2

____________________

____________________

c) Tanga inshinga cyangwa izina rikomoka kuri aya magambo. /amanota 2

1. Kwitura: ____________________
2. Ubushake: ____________________

d) Vangura aya magambo ureme interuro iboneye uyandike neza wubahiriza utwatuzo. /amanota3

Na rimwe, nsanga, y'I Rwanda, abantu, iyakare, bayita Rugira, Rurema, Imana, ariko, naravutse, sindayibona.

____________________

____________________

____________________

e) Tanga imbusane z'aya magambo /amanota 2

Intwari: ____________________

Kugaya: ____________________

f) Erekana impuzanyito: /amanota 2

-Umwana: ____________________

- Umusaza: ____________________

- Ishoka: ____________________

## III. IKIBONEZAMVUGO

1. Vuga ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo /amanota 15

Abana <u>bebose</u> bambaye neza kurusha <u>abandi</u>.

____________________

<u>Umwemuri</u> mwe <u>mukuru</u> naze <u>vuba</u> mutume.

____________________

<u>Mwa</u> bana mwe ntimugate umuco <u>w</u>'u Rwanda, mutazaba <u>inzererezi</u> mukazajya muri <u>cya</u> kigo <u>ngororamuco</u>

____________________

____________________

____________________

____________________

Ni bangahe se bari bahari, ko umuyobozi yahageze amashyi ngokaci kaci.

---

---

2. Vuga umumaro w'amagambo aciyeho akarongo / amanota 6

Abantubosebakundwan'Imanacyane.

---

---

---

3. Hindura ingiro y'inshinga /amanota 2

a. Umuhinzi arasarura imyaka.

---

b. Ikizamini cyakozwe n'abanyeshuri bose.

---

4. Hindura indango /amanota 2

a) Ndajya kuvoma mvuye kwiga.

---

b) Ntiyambwiye amakuru neza.

---

5. Andika iyi nteruro mu bindi bihe bikuru by'inshinga. /amanota 2

Twagize amahirwe yo kwiga.

---

---

6. Shyira mu bumwe cyangwa mu bwinshi /amanota 2

Ba bana bacu biga neza.

---

Inama yamugiriye yaramwubatse.

---

7. Garagaza intego, inteko n'itegeko ry'igenamajwi ryakoreshejwe. /amanota 15

| Amagambo | Intego | Itegeko | Inteko |
|---|---|---|---|
| a. Indatwa | | | |
| b. Imvura | | | |
| c. Ijoro | | | |
| d. Kuvoma | | | |
| e. Kurya | | | |

8. Sanisha iyi nteruro munteko ya 12 n'iya 13. /amanota 2

Uyu murima urera cyane.

Nt 12: ____________________

Nt 13: ____________________

9. a. Tanga ingero zigaragaza ko isaku rishobora gutandukanya amagambo abiri yandikwa kimwe mu nyandiko isanzwe. /amanota 2

_______________________________________________

_______________________________________________

b. Mu rutonde rw'aya magambo: Intebe, ubwato, umwari, icyayi, urwara, inuma, icyatsi, itabi ni ayahe ahuje amasaku n'ubutinde n'amagambo akurikira: /amanota

Umwana: _______________________________________________

Umwami: _______________________________________________

c. Garagaza ubutinde n'amasaku by'aya magambo uyashyire no muri muhundwanota: /amanota 2

Urwego : _______________________________________________

Inkoko (itungo): _______________________________________________

## IV. UBUVANGANZO

a) <u>Huza ibisobanura kimwe.</u> /amanota 5

| | |
|---|---|
| 1. Gira so yiturwa indi | Kunanirwa cyane |
| 2. Kugenda amasigamana | Umwana apfa mu iterura |
| 3. Kugwa agacuho | Kugenda umuntu yihuta cyane |
| 4. Igiti kigororwa kikiri gito | Inzara y'umusore |
| 5. Ngeze mu ishyamba rirahubangana | Akebo kajya iwa Mugarura |

b)<u>Ikeshamvugo</u>

1.Koresha imvugo yabugenewe / amanota 4

a) Uwo mwana wa musaza wanjye mumuture iyo sekuru, muyimanike ku rusika, ariko mwitonde urwo rusyo rutameneka.

_______________________________________________

b) Izo nka zabuze amazi, nizimara gukamwa, muzijyane kurisha maze umwana wa mushiki wanye azijyane kunywa amazi.

_______________________________________________

## V. IMYANDIKIRE YEMEWE

Kosora izi nteruro aho zanditse nabi. / amanota 6

1. Urwanda nigihugu cyamata nubuki

_______________________________________________

2. I wacu nta we ujya muruhengeli none.

_______________________________________________

3. perezida yasuye inteko ishinga amategeko

_______________________________________________

**VI. IHIMBAMWANDIKO / amanota 5**

Andikira umwana w'incuti yawe, umwifuriza Noheri nziza n'umwaka mushya muhire wa 2014

Icyitonderwa: Ukoreshe izina ritari iryawe.

*AMAHIRWE MASA!!!!*